

ITEKA RYA MINISITIRI N° 114/11 RYO KUWA 03/08/2006 RIHA ABAKOZI BA LETA N'ABAKOZI BO MU NZEGO Z'IBANZE UBUBASHA BWO KURANGIZA IMANZA, IBYEMEZO BY'INKIKO N'INYANDIKO ZIRIHO KASHE MPURUZA

Minisitiri w'Ubutabera,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04/06/2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n°09/2006 ryo kuwa 02/03/2006 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko n°18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, cyane cyane ingingo ya 8 n'iya 14;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2006 ryo kuwa 22/04/2006 rihindura kandi ryuzuzwa Itegeko n°13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 ryerekeye imanza z'inshinjabyaha, cyane cyane ingingo yaryo ya 28;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 26 Nyakanga 2006 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere:

Iri Teka riha abakozi ba Leta n'abakozi bo mu nzego z'ibanze ububasha bwo kurangiza imanza, ibyemezo by'inkiko n'inyandiko ziriho kashe mpuruza.

Ingingo ya 2:

Abakozi ba Leta bahawe ububasha bwo kurangiza imanza, ibyemezo by'inkiko n'inyandiko ziriho kashe mpuruza mu gihugu hose ni aba bakurikira:

1. Umukozi ushinze ibyerekeranye n'irangiza ry'imanza muri Minisitiri ifite ubutabera mu nshingano ze;
2. Umukozi mu Rwego rushinzwe kuburana imanza za Leta ugenwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Ingingo ya 3:

Abakozi bo mu nzego z'ibanze bahawe ububasha bwokurangiza imanza, ibyemezo by'inkiko n'inyandiko ziriho kashe mpuruza, buri wese mu rwego rw'ibanze akoreramo, ni aba bakurikira:

1. Umukozi ushinze amategeko mu Karere; yaba adahari bigakorwa n'Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akarere;
2. Umukozi ushinze amategeko mu Murenge; yaba adahari bigakorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;
3. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari.

Umuburanyi afite uburenganzira busesuye bwo kwihitiramo umurangiriza urubanza.

Ingingo ya 4:

Mbere yo gutangira imirimo yabo abakozi ba Leta n'abakozi bo mu nzego z'ibanze bavugwa muri iti teka bagomba kurahira imbere ya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze cyangwa imbere y'undi muntu yabihereye ububasha.

Ingingo ya 5:

Amateka yabanjirije iri kandi anyuranye naryo avanyweho.

Ingingo ya 6:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 03/08/2006

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

MINISTERIAL ORDER N° 114/11 OF 03/08/2006 AUTHORISING CIVIL SERVANTS AND EMPLOYEES OF LOCAL ADMINISTRATIVE ENTITIES TO EXECUTE JUDGEMENTS, JUDICIAL ORDERS AND WRITS WITH AN EXECUTORY STAMP

The Minister of Justice,

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of 04/06/2003, as amended to date especially in its articles 120, 121 and 201;

Given the law n°09/2006 of 02/03/2006 modifying and completing the law n°18/2004 of 20/06/2004 relating to civil, commercial, labour and administrative procedure, especially its articles 8 and 14;

Given the law n°20/2006 of 22/04/2006 modifying and completing the law n°13/2004 of 17/05/2004 relating to the code criminal procedure, especially its article 28;

After consideration and approval by the Cabinet, meeting in its session of 26/07/2006;

ORDERS:

Article one:

This order authorises civil servants and employees of local administrative entities to execute judgements, judicial orders and writs with an executory stamp.

Article 2:

The authorised civil servants in charge of execution of judgements, judicial orders and writs with an executory stamp and having the national competence are:

1. the person in charge of executing judgments in the Ministry having justice in its attributions;
2. a person in the Service in charge of the judicial representation of the State having the competence give by the Minister having justice in his or her attributions or his authorised representative.

Article 3:

The authorised employees of local administration in charge of execution judgements, orders and writs with an executory stamp in their respective local administrative entities are:

1. a person in charge of legal affairs in the District; in his/her absence District Executive Secretary is hereby;
2. a person in charge of legal affairs in the Sector, in his/her absence the Executive Secretary of the Sector is hereby authorised;
3. the Executive Secretary of the Cell.

Article 4:

Before taking up their duty the persons mentioned in this order have to take oath before the Minister having justice in his or her attributions or any other person appointed by the Minister.

Article 5:

All previous legal provisions contrary to this order are hereby abrogated.

Article 6:

This order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 03/08/2006

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ARRETE MINISTERIEL N° 114/11 DU 03/08/2006 HABILITANT LES AGENTS DE L'ETAT ET LES AGENTS DE L'ADMINISTRATION LOCALE A EXECUTER LES JUGEMENTS, LES ORDONNANCES ET LES ACTES REVETUS DE LA FORMULE EXECUTOIRE

Le Ministre de la Justice,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la loi n°09/2006 du 02/03/2006 modifiant et complétant la loi n°18/2004 du 20/06/2004 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, spécialement en ses articles 8 et 14;

Vu la loi n°20/2006 du 22/04/2006 modifiant et complétant la loi n°13/2004 du 17/05/2004 portant code de procédure pénal, spécialement en son article 28;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 26/07/2006;

ARRETE:

Article premier:

Le présent arrêté habilite des agents de l'Etat et des agents de l'administration locale à exécuter les jugements, les ordonnances et les actes revêtus de la formule exécutoire.

Article 2:

Les agents de l'Etat habilités à exécuter les jugements, les ordonnances et les actes revêtus de la formule exécutoire avec compétence nationale sont:

1. l'agent en charge du suivi de l'exécution des jugements au sein du Ministère ayant la justice dans ses attributions;
2. un agent de service en charge de la représentation de l'Etat en justice habilité par le Ministre ayant la justice dans ses attributions.

Article 3:

Les agents de l'administration locale habilités à exécuter les jugements, les ordonnances et les actes revêtus de la formule exécutoire dans le ressorts de leurs entités administratives locales sont:

1. l'agent du District chargé des affaires juridiques et à défaut le Secrétaire Exécutif du District;
2. l'agent du Secteur chargé des affaires juridiques et à défaut le Secrétaire Exécutif du Secteur;
3. le Secrétaire Exécutif de la Cellule.

Article 4:

Avant d'exercer cette fonction les agents mentionnés dans le présent arrêté prêtent serment devant le Ministre ayant la justice dans ses attributions ou devant une autre personne habilitée par ledit Ministre.

Article 5:

Tous les arrêtés antérieurs et contraires au présent arrêté sont abrogés.

Article 6:

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 03/08/2006

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République:

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)